

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 122/01 RYO KU WA 28/12/2021 RIGENGA KOMITE ITORANYA ABAKANDIDA KU MWANYA W'UBUKOMISERI MURI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 122/01 OF 28/12/2021 GOVERNING THE CANDIDATE SELECTION COMMITTEE TO THE POST OF COMMISSIONER OF THE NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 122/01 DU 28/12/2021 RÉGISSANT LE COMITÉ DE SÉLECTION DES CANDIDATS COMMISSAIRES À LA COMMISSION NATIONALE DES DROITS DE LA PERSONNE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 2: Definitions</u></p>	<p><u>Article 2 : Définitions</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ubwigenge</u></p>	<p><u>Article 3: Independence</u></p>	<p><u>Article 3 : Indépendance</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: INSHINGANO</u></p>	<p><u>CHAPTER II: RESPONSIBILITIES</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Inshingano</u></p>	<p><u>Article 4: Responsibilities</u></p>	<p><u>Article 4 : Attributions</u></p>
<p><u>UMUTWE WA III: IMITERERE YA KOMITE N'INZEGO ZAYO</u></p>	<p><u>CHAPTER III: ORGANISATION OF THE COMMITTEE AND ITS ORGANS</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : ORGANISATION DU COMITÉ ET SES ORGANES</u></p>
<p><u>Icyiciro cya mbere: Imiterere</u></p>	<p><u>Section One: Organisation</u></p>	<p><u>Section première : Organisation</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Abagize Komite</u></p>	<p><u>Article 5: Members of the Committee</u></p>	<p><u>Article 5 : Membres du Comité</u></p>

<u>Ingingo ya 6:</u> Ibisabwa kugira ngo umuntu abe mu bagize Komite	<u>Article 6:</u> Requirements for a person to be a member of the Committee	<u>Article 6 :</u> Conditions requises pour être membre du Comité
<u>Ingingo ya 7:</u> Manda y’abagize Komite	<u>Article 7:</u> Term of office for members of the Committee	<u>Article 7 :</u> Mandat des membres du Comité
<u>Ingingo ya 8:</u> Kureka kuba ugize Komite	<u>Article 8:</u> Cessation of the Committee membership	<u>Article 8 :</u> Cessation de qualité de membre du Comité
<u>Ingingo ya 9:</u> Isimburwa ry’ugize Komite	<u>Article 9:</u> Replacement of a member of the Committee	<u>Article 9 :</u> Remplacement d’un membre du Comité
<u>Icyiciro cya 2:</u> Imiterere y’inzezo n’inshingano zazo	<u>Section 2:</u> Organisation and responsibilities of organs	<u>Section 2 :</u> Organisation et attributions des organes
<u>Ingingo ya 10:</u> Inzezo	<u>Article 10:</u> Organs	<u>Article 10 :</u> Organes
<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Inama	<u>Article 11:</u> Composition of the Council	<u>Article 11 :</u> Composition du Conseil
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano z’Inama	<u>Article 12:</u> Responsibilities of the Council	<u>Article 12 :</u> Attributions du Conseil
<u>Ingingo ya 13:</u> Abagize Biro	<u>Article 13:</u> Composition of the Bureau	<u>Article 13 :</u> Composition du Bureau
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Biro	<u>Article 14:</u> Responsibilities of the Bureau	<u>Article 14 :</u> Attributions du Bureau
<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano za Perezida	<u>Article 15:</u> Duties of the Chairperson	<u>Article 15 :</u> Attributions du Président
<u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano z’Umwanditsi	<u>Article 16:</u> Duties of the Rapporteur	<u>Article 16 :</u> Attributions du Rapporteur
<u>Ingingo ya 17:</u> Imikorere	<u>Article 17:</u> Functioning	<u>Article 17 :</u> Fonctionnement

<p><u>Ingingo ya 18:</u> Aho Komite ikorera, uburyo n'ibikoresho ikenera</p>	<p><u>Article 18:</u> Working place of the Committee, means and office equipment</p>	<p><u>Article 18 :</u> Lieu de travail du Comité, moyens et matériels de bureau</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Ingingo y'imari y'ibigenerwa abagize Komite</p>	<p><u>Article 19:</u> Budget of fringe benefits allocated to the Committee members</p>	<p><u>Article 19 :</u> Budget des avantages accordés aux membres du Comité</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Itumizwa n'iyoborwa by'inama</p>	<p><u>Article 20:</u> Convening and chairing of the meetings</p>	<p><u>Article 20 :</u> Convocation et direction des réunions</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Iterana ry'inama z'Inama</p>	<p><u>Article 21:</u> Holding meetings of the Council</p>	<p><u>Article 21 :</u> Tenue des réunions du Conseil</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Ifatwa ry'ibyemezo by'Inama</p>	<p><u>Article 22:</u> Decision-making of the Council</p>	<p><u>Article 22 :</u> Prise de décisions du Conseil</p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u> Itangwa rya raporo y'itoranywa ry'abakandida</p>	<p><u>Article 23:</u> Submission of the report of the selection of candidates</p>	<p><u>Article 23 :</u> Transmission du rapport de sélection des candidats</p>
<p><u>Ingingo ya 24:</u> Insimburamubyizi ku bagize Komite</p>	<p><u>Article 24:</u> Sitting allowances for members of the Committee</p>	<p><u>Article 24 :</u> Jetons de présence aux membres du Comité</p>
<p><u>Ingingo ya 25:</u> Amafaranga y'itumanaho ku bagize Komite</p>	<p><u>Article 25:</u> Communication allowance for Committee members</p>	<p><u>Article 25 :</u> Frais de communication pour les membres du Comité</p>
<p><u>Ingingo ya 26:</u> Koroherezwa urugendo, icumbi n'amafunguro</p>	<p><u>Article 26:</u> Transport facilitation, accommodation and meals</p>	<p><u>Article 26 :</u> Facilitation au transport, au logement et repas</p>
<p><u>Ingingo ya 27:</u> Ubwishingizi ku ndwara no ku byago bikomoka ku kazi</p>	<p><u>Article 27:</u> Medical and occupational hazards insurance</p>	<p><u>Article 27 :</u> Assurance maladie et celle contre les risques professionnels</p>

<u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 28:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<u>Article 28:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 28 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 29:</u> Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 29:</u> Repealing provision	<u>Article 29 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 30:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	<u>Article 30:</u> Commencement	<u>Article 30 :</u> Entrée en vigueur

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 122/01 RYO KU WA 28/12/2021 RIGENGA KOMITE ITORANYA ABAKANDIDA KU MWANYA W'UBUKOMISERI MURI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 20;</p> <p>Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 72/01 ryo ku wa 12/03/2014 rishyiraho Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu kandi rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo;</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 122/01 OF 28/12/2021 GOVERNING THE CANDIDATE SELECTION COMMITTEE TO THE POST OF COMMISSIONER OF THE NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 19 of 25/03/2013 determining missions, organisation and functioning of the National Commission for Human Rights as amended to date, especially in Article 20;</p> <p>Having reviewed Presidential Order n° 72/01 of 12/03/2014 establishing the candidate selection Committee to the post of Commissioner of the National Commission for Human Rights and determining its mission, organisation and functioning;</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 122/01 DU 28/12/2021 RÉGISSANT LE COMITÉ DE SÉLECTION DES CANDIDATS COMMISSAIRES À LA COMMISSION NATIONALE DES DROITS DE LA PERSONNE</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 19 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 20;</p> <p>Revu l'Arrêté Présidentiel n° 72/01 du 12/03/2014 portant création du Comité de sélection des candidats Commissaires à la Commission Nationale des Droits de la Personne et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement;</p>
---	--	---

<p>Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/11/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigenga Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byayo.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p> <p>Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° Komisiyo: Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;</p>	<p>On the proposal of the Minister of Justice and Attorney General;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 12/11/2021;</p> <p>HAVE ORDERED AND ORDER:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order governs the selection Committee of candidates to the post of Commissioner of the National Commission for Human Rights. It also determines its responsibilities, organisation and functioning.</p> <p><u>Article 2: Definitions</u></p> <p>In this Order, the following terms have the following meanings:</p> <p>1° Commission: the National Commission for Human Rights;</p>	<p>Sur proposition du Ministre de la Justice et Garde des Sceaux;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 12/11/2021;</p> <p>AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté régit le Comité de sélection des candidats Commissaires à la Commission Nationale des Droits de la Personne. Elle détermine également ses attributions, son organisation et son fonctionnement.</p> <p><u>Article 2 : Définitions</u></p> <p>Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:</p> <p>1° Commission: la Commission Nationale des Droits de la Personne;</p>
---	--	---

<p>2° Komite: Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri muri Komisiyo;</p> <p>3° Minisiteri: Minisiteri ifite iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Ubwigenge</u></p> <p>Komite irigenga mu mikorere yayo. Mu gutoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri, Komite igendera ku mahame yo gukorera mu mucyo no kutabogama.</p> <p><u>UMUTWE WA II: INSHINGANO</u></p> <p><u>Ingingo ya 4: Inshingano</u></p> <p>Komite imaze kumenyeshwa na Guverinoma ihagarariwe na Minisiteri ko hari umwanya w'Ubukomiseri utarimo umuntu, ifite inshingano yo gutoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri, igashyikiriza Guverinoma urutonde rw'abo yahisemo, ibinyujije kuri Minisiteri. Mbere yo gutangira gutoranya abakandida, Komite itegura ingengabihe y'akazi ikayimenyeshya Minisiteri na Komisiyo.</p>	<p>2° Committee: the selection Committee of candidates to the post of Commissioner in the Commission;</p> <p>3° Ministry: the Ministry in charge of compliance of the human rights.</p> <p><u>Article 3: Independence</u></p> <p>The Committee functions independently. In selecting the candidates to the post of Commissioner, the Committee complies with the principles of transparency and objectivity.</p> <p><u>CHAPTER II: RESPONSIBILITIES</u></p> <p><u>Article 4: Responsibilities</u></p> <p>The Committee after being notified by the Government represented by the Ministry that there is a vacant post of a Commissioner, it has the mission of selecting candidates to the post of Commissioner and submit to the Government the list of selected candidates through the Ministry. Prior to starting the selection of candidates, the Committee elaborates its working schedule and submits it to the Ministry and the Commission for information.</p>	<p>2° Comité: le Comité de sélection des candidats Commissaires à la Commission;</p> <p>3° Ministère: le Ministère ayant le respect des droits de la personne dans ses attributions.</p> <p><u>Article 3 : Indépendance</u></p> <p>Le Comité est indépendant dans son fonctionnement. Lors de la sélection des candidats au poste de Commissaire, le Comité est guidé par les principes de transparence et d'objectivité.</p> <p><u>CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS</u></p> <p><u>Article 4 : Attributions</u></p> <p>Le Comité après avoir été informé par le Gouvernement représenté par le Ministère qu'il y a un poste vacant de Commissaire, il a pour mission de sélectionner les candidats et de transmettre au Gouvernement, par le biais du Ministère, la liste des candidats retenus. Avant de commencer la sélection des candidats, le Comité élabore son calendrier de travail et le transmet au Ministère et à la Commission pour information.</p>
---	---	---

<p>Komite itangaza mu buryo bwagutse umwanya ukenewemo Umukomiseri, ku buryo busesuye ikoresheje itangazamakuru ryandika, radiyo, televiziyo, ku rubuga rwa interineti rwa Komisiyo no ku zindi mbuga za interineti nibura ebyiri (2) zitangaza ibirebana n'itangwa ry'imirimo. Imenyekanisha rigaragaza iby'ingenzi bisabwa ku mwanya w'Ubukomiseri, ibigize dosiye n'igihe ntarengwa cyo gushyikiriza Komite amadosiye.</p> <p><u>UMUTWE WA III: IMITERERE YA KOMITE N'INZEGO ZAYO</u></p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Imiterere</u></p> <p><u>Ingingo ya 5: Abagize Komite</u></p> <p>Komite igizwe n'abantu batanu (5) bakurikira:</p> <p>1° umuntu umwe (1) uturuka mu miryango nyarwanda itari iya Leta iharanira guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu;</p> <p>2° umuntu umwe (1) uturuka muri Komisiyo ishinze abakozi ba Leta;</p>	<p>The Committee widely advertises a vacant post of a Commissioner, by means of print media, radio, television, on the Commission's website and at least two (2) other websites recognised as better in publishing job opportunities. The advertisement indicates the core requirements to the vacant post of a Commissioner, the content of the application file and the deadline for submission of applications to the Committee.</p> <p><u>CHAPTER III: ORGANISATION OF THE COMMITTEE AND ITS ORGANS</u></p> <p><u>Section One: Organisation</u></p> <p><u>Article 5: Members of the Committee</u></p> <p>The Committee is comprised of five (5) members as follows:</p> <p>1° one (1) member from national nongovernmental organizations for the promotion and protection of human rights;</p> <p>2° one (1) member from the Public Service Commission;</p>	<p>Le Comité en fait une large publication d'un poste vacant de Commissaire, au moyen de la presse écrite, radio, télévision, au site web de la Commission et sur au moins deux (2) autres sites de publication de vacances de postes. La publication indique les conditions requises pour le poste de Commissaire, le contenu du dossier et la date limite de dépôt des dossiers de candidature auprès du Comité.</p> <p><u>CHAPITRE III : ORGANISATION DU COMITÉ ET SES ORGANS</u></p> <p><u>Section première : Organisation</u></p> <p><u>Article 5 : Membres du Comité</u></p> <p>Le Comité est composé de cinq (5) membres suivants:</p> <p>1° un (1) membre en provenance des organisations non gouvernementales œuvrant pour la promotion et la protection des droits de la personne;</p> <p>2° un (1) membre en provenance de la Commission de la Fonction Publique;</p>
---	--	---

<p>3° abantu babiri (2) baturuka muri Sosiyete Sivili hatabariwemo uvugwa mu gace ka 1° k'iki gika;</p> <p>4° umuntu umwe (1) uturuka mu mpuguke zo muri Kaminuza y'u Rwanda no muri Kaminuza n'Amashuri Makuru yigenga zifite ubuzobere n'ubumenyi mu byerekeye uburenganzira bwa muntu.</p> <p>Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Komite bagomba kuba ari abagore.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe mu bagize Komite</u></p> <p>Kugira ngo umuntu abe mu bagize Komite agomba kuba yujuje ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba ari Umunyarwanda;</p> <p>2° kuba ari inyangamugayo;</p> <p>3° kuba afite ubunararibonye mu mirimo y'ubuyobozi mu nzego za Leta cyangwa izitari iza Leta;</p>	<p>3° two (2) members from the Civil Society without considering the one mentioned under item 1° of this Paragraph;</p> <p>4° one (1) member from experts of the University of Rwanda and the private Universities and the Higher Institutes with expertise and skills in human rights issues.</p> <p>At least thirty per cent (30%) of members of the Committee must be women.</p> <p><u>Article 6: Requirements for a person to be a member of the Committee</u></p> <p>For a person to be a member of the Committee, he or she must fulfil the following requirements:</p> <p>1° to be a Rwandan;</p> <p>2° to be a person of integrity;</p> <p>3° to have an experience in leadership positions in public or non-public organs;</p>	<p>3° deux (2) membres en provenance de la Société Civile sans compter celui mentionné au point 1° du présent alinéa;</p> <p>4° un (1) membre en provenance des experts de l'Université du Rwanda et des Universités et Instituts Supérieurs privés justifiant d'une expertise et des connaissances en matière des droits de la personne.</p> <p>Au moins trente pour cent (30%) des membres du Comité doivent être de sexe féminin.</p> <p><u>Article 6 : Conditions requises pour être membre du Comité</u></p> <p>Pour être membre du Comité, le candidat doit remplir les conditions suivantes:</p> <p>1° être de nationalité rwandaise;</p> <p>2° être intègre;</p> <p>3° avoir une expérience dans les postes de responsabilité dans les organes publics ou non publics;</p>
--	--	---

<p>4° kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6).</p> <p><u>Ingingo ya 7: Manda y'abagize Komite</u></p> <p>Abagize Komite bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe.</p> <p>Ugize Komite uvuye mu mwanya asimburwa mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) abarwa uherye ku munsu yawuviriyemo.</p> <p>Iyo hari ugize Komite ugiye kurangiza manda, Perezida wa Komite abimenyeshya mu nyandiko Minisiteri akagera kopi Komisiyo, hasigaye nibura iminsi mirongo icyenda (90) ngo manda irangire.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Kureka kuba ugize Komite</u></p> <p>Umuntu areka kuba ugize Komite iyo:</p> <p>1° arangije manda;</p> <p>2° yeguye akoresheje inyandiko;</p>	<p>4° not to have been definitively convicted to a sentence equal to or exceeding six (6) months of imprisonment.</p> <p><u>Article 7: Term of office for members of the Committee</u></p> <p>The term of office for members of the Committee is five (5) years renewable once.</p> <p>A member of the Committee who leaves his or her post is replaced within a period not exceeding six (6) months of the occurrence of the vacancy.</p> <p>In case there is a member of the Committee whose term of office is about to expire, the Chairperson of the Committee notifies in writing the Ministry with copy to the Commission at least ninety (90) days before the expiry of the term of office.</p> <p><u>Article 8: Cessation of the Committee membership</u></p> <p>A person ceases to be a member of the Committee when he or she:</p> <p>1° ends the term of office;</p> <p>2° resigns in writing;</p>	<p>4° ne pas avoir été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois.</p> <p><u>Article 7 : Mandat des membres du Comité</u></p> <p>Les membres du Comité ont un mandat de cinq ans (5) renouvelable une fois.</p> <p>Un membre du Comité qui cesse d'être membre est remplacé dans un délai ne dépassant pas six (6) mois à compter de son départ.</p> <p>Lorsqu'il y a un membre du Comité dont le mandat est sur le point d'expirer, le Président du Comité en informe par écrit le Ministère avec copie à la Commission au moins quatre-vingt-dix (90) jours avant la fin du mandat.</p> <p><u>Article 8 : Cessation de qualité de membre du Comité</u></p> <p>Une personne cesse d'être membre du Comité lorsqu'il:</p> <p>1° termine le mandat;</p> <p>2° démissionne par écrit;</p>
--	---	---

<p>3° atagishoboye kuzura inshingano ze bitewe n'uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe n'umuganga wemewe na Leta;</p> <p>4° atacyujuje ibyashingiweho ashirwa mu bagize Komite;</p> <p>5° agaragaweho imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;</p> <p>6° ahutaza uburenganzira bwa muntu;</p> <p>7° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);</p> <p>8° apfuye.</p>	<p>3° is no longer able to perform his or her duties due to illness or disability certified by a recognised physician;</p> <p>4° no longer fulfilling requirements considered when appointed as member of the Committee;</p> <p>5° demonstrates behaviour contrary to his or her duties;</p> <p>6° abuses human rights;</p> <p>7° is definitively sentenced to an imprisonment penalty of a period equal to six (6) months or above;</p> <p>8° dies.</p>	<p>3° n'est plus capable d'accomplir ses attributions suite à une maladie ou une infirmité attestée par un médecin agréé;</p> <p>4° ne plus remplir les conditions considérées lors de sa nomination comme membre du Comité ;</p> <p>5° manifeste des comportements incompatibles avec ses attributions;</p> <p>6° viole les droits de la personne;</p> <p>7° est condamné définitivement à une peine d'emprisonnement de six (6) mois ou plus;</p> <p>8° décède.</p>
<p><u>Ingingo ya 9: Isimbura ry'ugize Komite</u></p> <p>Isimbura ry'ugize Komite rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka.</p> <p>Ugize Komite mushya atangira manda ye.</p>	<p><u>Article 9: Replacement of a member of the Committee</u></p> <p>Replacement of a member of the Committee complies with the provisions of this Order.</p> <p>A new member of the Committee commences his or her term of office.</p>	<p><u>Article 9 : Remplacement d'un membre du Comité</u></p> <p>Le remplacement d'un membre du Comité se fait conformément aux dispositions du présent arrêté.</p> <p>Un nouveau membre du Comité commence son mandat.</p>

<p><u>Icyiciro cya 2: Imiterere y'inzego n'inshingano zazo</u></p> <p><u>Ingingo ya 10: Inzego</u></p> <p>Komite igizwe n'inzego zikurikira:</p> <p>1° Inama;</p> <p>2° Biro.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Abagize Inama</u></p> <p>Inama igizwe n'abagize Komite bose kandi ni rwo rwego rukuru rufata ibyemezo.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Inshingano z'Inama</u></p> <p>Inama ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kwemeza gahunda y'akazi Komite izakora;</p> <p>2° kwemeza inyandiko zose za ngombwa zijyanye no gusimbura Umukomiseri n'amatangazo ahamagarira abantu bujuje ibisabwa gutanga kandidatire zabo;</p>	<p><u>Section 2: Organisation and responsibilities of organs</u></p> <p><u>Article 10: Organs</u></p> <p>The Committee is composed by the following organs:</p> <p>1° the Council;</p> <p>2° the Bureau.</p> <p><u>Article 11: Composition of the Council</u></p> <p>The Council is composed of all members of the Committee and is the supreme decision-making organ.</p> <p><u>Article 12: Responsibilities of the Council</u></p> <p>The Council has the following responsibilities:</p> <p>1° to approve the working schedule of the Committee;</p> <p>2° to approve all required documents related to the Commissioner's replacement and announcements inviting persons who meet the requirements to submit their applications;</p>	<p><u>Section 2 : Organisation et attributions des organes</u></p> <p><u>Article 10 : Organes</u></p> <p>Le Comité est composé des organes suivants:</p> <p>1° le Conseil;</p> <p>2° le Bureau.</p> <p><u>Article 11 : Composition du Conseil</u></p> <p>Le Conseil est composé de tous les membres du Comité et il est l'organe suprême de prise de décisions.</p> <p><u>Article 12 : Attributions du Conseil</u></p> <p>Le Conseil a les attributions suivantes:</p> <p>1° approuver le calendrier de travail du Comité;</p> <p>2° approuver tous les documents nécessaires au remplacement d'un Commissaire et les communiqués invitant les personnes remplissant les conditions requises à présenter leurs candidatures;</p>
---	--	--

<p>3° kwemeza amabwiriza agenga itangwa ry'ikizamini gikorwa ku buryo bw'ikiganiro kigamije guhitamo abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri;</p>	<p>3° to approve rules governing interview aiming at selecting candidates to the post of Commissioner;</p>	<p>3° approuver les directives relatives à l'interview en vue de sélectionner des candidats Commissaires;</p>
<p>4° gutangaza mu buryo bwagutse umwanya ukenewemo umuntu;</p>	<p>4° to widely advertise a vacant post;</p>	<p>4° publier largement le poste vacant;</p>
<p>5° kwemeza inyandiko zimenyeshya by'umwihariko inzego Abakomiseri baturukamo ko hari umwanya ukenewemo umuntu;</p>	<p>5° to approve documents informing especially institutions of Commissioners' provenience of vacant post;</p>	<p>5° approuver les documents informant spécifiquement les institutions de provenance des Commissaires d'un poste vacant;</p>
<p>6° gusesengura dosiye z'abakandida;</p>	<p>6° to analyse candidates' files;</p>	<p>6° analyser les dossiers des candidats;</p>
<p>7° gukora urutonde rw'abakandida bujuje ibisabwa ku mwanya w'Ubukomiseri hitawe ku ihame ry'uburinganire;</p>	<p>7° to draw up a list of candidates that meet requirements for the post of Commissioner taking into consideration the principle of gender equality;</p>	<p>7° dresser une liste des candidats remplissant les conditions requises au poste de Commissaire en tenant compte du principe de l'égalité des genres;</p>
<p>8° gukoresha abakandida ikizamini gikorwa ku buryo bw'ikiganiro hagamijwe gutoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri;</p>	<p>8° to interview candidates with the aim of selecting candidates to the post of Commissioner;</p>	<p>8° interviewer les candidats en vue de sélectionner les candidats au poste de Commissaire;</p>
<p>9° gukora raporo y'imigendekere y'igikorwa cyo gutoranya abakandida, gukora urutonde rw'abakandida yahisemo no kubashyikiriza Guverinoma</p>	<p>9° to make a report of the selection process of candidates, draw up a list of selected candidates, and submit them to the Government through the Ministry.</p>	<p>9° faire le rapport du processus de sélection des candidats, dresser la liste des candidats retenus, et les soumettre au Gouvernement par le biais du Ministère.</p>

<p>binyujijwe kuri Minisiteri.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Abagize Biro</u></p> <p>Biro ya Komite igizwe na Perezida n’umwanditsi batorwa na bagenzi babo mu nama ya mbere ya Komite.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Inshingano za Biro</u></p> <p>Biro ya Komite ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gutegura gahunda y’akazi Komite izakora;</p> <p>2° gutegura amabwiriza agenga itangwa ry’ikizamini gikorwa ku buryo bw’ikiganiro kigamije gutoranya abakandida ku mwanya w’Ubukomiseri no kuyashyikiriza Inama;</p> <p>3° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inama.</p> <p><u>Ingingo ya 15: Inshingano za Perezida</u></p> <p>Perezida afite inshingano zikurikira:</p>	<p><u>Article 13: Composition of the Bureau</u></p> <p>The Bureau of the Committee comprises the Chairperson and the Rapporteur elected by their peers in the first meeting of the Committee.</p> <p><u>Article 14: Responsibilities of the Bureau</u></p> <p>The Bureau of the Committee has the following responsibilities:</p> <p>1° to elaborate the working schedule of the Committee;</p> <p>2° to prepare rules governing the conduct of interview aiming at selecting candidates to the post of Commissioner and to submit them to the Council;</p> <p>3° to follow up the implementation of decisions of the Council.</p> <p><u>Article 15: Duties of the Chairperson</u></p> <p>The Chairperson has the following duties:</p>	<p><u>Article 13 : Composition du Bureau</u></p> <p>Le Bureau du Comité est composé par le Président et le Rapporteur élus par leurs pairs lors de la première réunion du Comité.</p> <p><u>Article 14 : Attributions du Bureau</u></p> <p>Le Bureau du Comité a les attributions suivantes:</p> <p>1° préparer le calendrier de travail du Comité;</p> <p>2° préparer les directives relatives à l’interview pour la sélection des candidats commissaires et les transmettre au Conseil;</p> <p>3° faire le suivi de l’exécution des décisions du Conseil.</p> <p><u>Article 15: Attributions du Président</u></p> <p>Le Président a les attributions suivantes:</p>
--	--	--

<p>1° kuyobora Komite no guhuza ibikorwa byayo. Iyo adahari asimburwa n'umukuru mu myaka mu bagize Komite;</p> <p>2° kumenyesha inzego ziturukamo Abakomiseri umwanya utarimo Umukomiseri;</p> <p>3° gutumiza inama mu gihe giteganywa n'amategeko no kuziyobora;</p> <p>4° kuba umuvugizi wa Komite;</p> <p>5° gushyikiriza raporo za Komite inzego zigenewe;</p> <p>6° kugeza ku bagize Komite ibyemezo n'amakuru bibareba.</p>	<p>1° to lead the Committee and coordinate its activities. In case of absence, he or she is replaced by the eldest member of the Committee;</p> <p>2° to inform institutions of Commissioners' provenience a vacant post for a Commissioner;</p> <p>3° to convene meetings within the time provided for by the law and chair them;</p> <p>4° to serve as spokesperson of the Committee;</p> <p>5° to submit the reports of the Committee to relevant institutions;</p> <p>6° to communicate to members of the Committee relevant decisions and information concerning them.</p>	<p>1° diriger le Comité et coordonner ses activités. En cas d'absence, il est remplacé par le membre le plus âgé du Comité;</p> <p>2° informer les institutions de provenance des Commissaires de la vacance du poste de Commissaire;</p> <p>3° convoquer les réunions dans les délais prescrits par la loi et les diriger;</p> <p>4° être le porte-parole du Comité;</p> <p>5° transmettre les rapports du Comité aux institutions concernées;</p> <p>6° transmettre aux membres du Comité les décisions et informations les concernant.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Inshingano z'Umwanditsi</u></p> <p>Umwanditsi afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gutegura inyandiko z'inama za Komite no kuzigeza ku bayigize;</p>	<p><u>Article 16: Duties of the Rapporteur</u></p> <p>The Rapporteur has the following duties:</p> <p>1° to prepare the documents of the meetings of the Committee and transmit them to its members;</p>	<p><u>Article 16 : Attributions du Rapporteur</u></p> <p>Le Rapporteur a les attributions suivantes:</p> <p>1° préparer les documents des réunions du Comité et les transmettre à ses membres;</p>

<p>2° kuba Umwanditsi w'inama z'Inama ya Komite;</p> <p>3° gutegura inyandiko zose za ngombwa zijyanye no gusimbura Umukomiseri n'amatangazo ahamagarira abujuje ibisabwa gutanga kandidatire zabo;</p> <p>4° gukora indi mirimo yose ijyanye no gutangaza mu buryo bwagutse umwanya ugomba kuzuzwa;</p> <p>5° kwakira dosiye z'abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri no kuzishyikiriza Komite;</p> <p>6° gukora undi murimo yahabwa na Komite.</p>	<p>2° to be the Rapporteur of the Committee Council meetings;</p> <p>3° to prepare all required documents in relation with the replacement of a Commissioner and announcements inviting individuals who meet requirements to submit their applications;</p> <p>4° to perform all activities related to widely advertise of vacant post;</p> <p>5° to receive applications of candidates to the post of Commissioner and transmit them to the Committee;</p> <p>6° to perform other duty as may be assigned by the Committee.</p>	<p>2° être le rapporteur des réunions du Conseil du Comité;</p> <p>3° préparer les documents nécessaires au remplacement d'un Commissaire et les communiqués invitant les candidats Commissaires remplissant les conditions requises à déposer leurs candidatures;</p> <p>4° exécuter toutes autres tâches ayant trait à la large publication d'un poste vacant;</p> <p>5° recevoir les dossiers des candidats au poste de Commissaire et les transmettre au Comité;</p> <p>6° exécuter une autre tâche qui peut lui être confiée par le Comité.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Imikorere</u></p> <p>Komite ikora ku buryo budahoraho. Abagize Komite bakomeza akazi kabo basanganywe.</p> <p>Mu gihe cyo gutoranya abakandida bo gusimbura Umukomiseri utakiri mu mwanya, Komite iterana iminsi itarenze cumi n'itanu (15).</p>	<p><u>Article 17: Functioning</u></p> <p>The Committee operates on non-permanent basis. The members of the Committee continue performing their ordinary activities.</p> <p>During the selection process of candidates to replace the Commissioner who is no longer in office, the Committee meets fifteen (15) days maximum.</p>	<p><u>Article 17 : Fonctionnement</u></p> <p>Le Comité exerce ses fonctions de manière non permanente. Les membres du Comité continuent leurs activités ordinaires.</p> <p>Lors du processus de sélection des candidats qui doivent remplacer le Commissaire qui n'est plus dans ses fonctions, le Comité se réunit quinze (15) jours au maximum.</p>

<p>Komite ishobora kandi guterana iminsi itarenze ine (4) mu mwaka w'ingengo y'imari igihe abayigize bifuza kungurana ibitekerezo ku byerekeranye n'inshingano za Komite.</p>	<p>The Committee may also meet four (4) days maximum during the fiscal year when its members intending to consult themselves on matters relating to the responsibilities of the Committee.</p>	<p>Le Comité peut également se réunir quatre (4) jours au maximum au cours de l'exercice fiscal lorsque ses membres souhaitent se concerter sur les questions relatives aux attributions du Comité.</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Aho Komite ikorera, uburyo n'ibikoresho ikenera</p>	<p><u>Article 18:</u> Working place of the Committee, means and office equipment</p>	<p><u>Article 18 :</u> Lieu de travail du Comité, moyens et matériels de bureau</p>
<p>Komisiyo igenera Komite aho ikorera, ibikoresho byo mu biro n'ahabikwa amadosiye.</p>	<p>The Commission provides to the Committee a working place, office equipment and a place for keeping files.</p>	<p>La Commission met à la disposition du Comité un bureau de travail, le matériel de bureau et la place pour la conservation des dossiers.</p>
<p>Komisiyo iha kandi Komite ubundi buryo bwa ngombwa kugira ngo igere ku nshingano.</p>	<p>The Commission also provides to the Committee other needed means as to discharge its responsibilities.</p>	<p>La Commission met également à la disposition du Comité autres moyens nécessaires à l'accomplissement de ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Ingengo y'imari y'ibigenerwa abagize Komite</p>	<p><u>Article 19:</u> Budget of fringe benefits allocated to the Committee members</p>	<p><u>Article 19 :</u> Budget des avantages accordés aux membres du Comité</p>
<p>Ingengo y'imari y'ibigenerwa abagize Komite iteganywa mu ngengo y'imari ya Komisiyo.</p>	<p>The budget of fringe benefits allocated to the Committee members is provided for in the budget of the Commission.</p>	<p>Le budget des avantages accordés aux membres du Comité est prévu dans le budget de la Commission.</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Itumizwa n'iyoborwa by'inama</p>	<p><u>Article 20:</u> Convening and chairing of the meetings</p>	<p><u>Article 20 :</u> Convocation et direction des réunions</p>
<p>Inama ya Komite itumizwa mu nyandiko kandi ikayoborwa na Perezida cyangwa umukuru mu myaka mu bagize Komite igihe Perezida adahari.</p>	<p>The meeting of the Committee is convened in writing and chaired by the Chairperson or the eldest member of the Committee in case of absence of the Chairperson.</p>	<p>La réunion du Comité est convoquée par notification écrite, et présidée par le Président ou, en cas de son absence, par le membre le plus âgé du Comité.</p>

<p>Amabaruwa atumiza inama ashyikirizwa abagize Komite nibura iminsi umunani (8) y'akazi mbere y'uko inama iterana.</p> <p>Inyandiko zijyanye n'ibiri ku murongo w'ibyigwa zishyikirizwa abagize Komite nibura iminsi itatu (3) y'akazi mbere y'uko inama iterana.</p> <p>Mu gihe hari umwanya ugomba gushyirwamo Umukomiseri, Komite iterana mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uherye igihe Komite yawumenyesherejwe, kugira ngo itangire imirimo yo gutoranya abakandida bo gusimbura Umukomiseri utakiri mu mwanya.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Iterana ry'inama z'Inama</u></p> <p>Inama ya Komite iterana iyo nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize bitabiriye inama.</p> <p>Iyo umubare wa ngombwa udashoboye kuzura, inama irasubikwa, ikongera gutumizwa bundi bushya mu minsi umunani (8) ibarwa uherye ku muni yasubikiweho. icyakora, iyo inama itumijwe bwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bayitabiriye.</p>	<p>The invitation letters are submitted to members of the Committee at least eight (8) working days before the meeting is held.</p> <p>Documents related to the agenda of the meeting are submitted to members of the Committee at least three (3) working days before the meeting is held.</p> <p>In case there is a vacant post for a Commissioner, the Committee meets in a period not exceeding fifteen (15) working days starting from the date when the Committee is informed on it in order to start activities relating to the selection of candidates to replace the Commissioner who is no longer in office.</p> <p><u>Article 21: Holding meetings of the Council</u></p> <p>The Council of the Committee holds its meetings if at least three-fifth (3/5) of its members are present.</p> <p>If the quorum is not reached, the meeting is postponed; and another meeting is convened within eight (8) days from the day of the postponement. However, when a meeting is convened for the second time it takes place regardless of the number of its members present.</p>	<p>Les lettres d'invitation sont adressées aux membres du Comité au moins huit (8) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.</p> <p>Les documents en rapport avec l'ordre du jour sont transmis aux membres du Comité au moins trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.</p> <p>En cas de vacance de poste de Commissaire, le Comité se réunit dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à partir de la date à laquelle le Comité en est communiqué afin de commencer les activités relatives à la sélection des candidats qui doivent remplacer le Commissaire qui n'est plus dans ses fonctions.</p> <p><u>Article 21 : Tenue des réunions du Conseil</u></p> <p>Le Conseil du Comité se réunit si au moins trois cinquièmes (3/5) de ses membres sont présents.</p> <p>Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée; et une autre réunion est convoquée endéans huit (8) jours à partir du jour de report. Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre de ses membres présents.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 22: Ifatwa ry'ibyemezo by'Inama</u></p> <p>Ibyemezo by'Inama bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu nama.</p> <p>Na none iyo ubwiganze butabonetse cyangwa amajwi angana, ijwi rya Perezida cyangwa umusimbura we riraganza.</p> <p><u>Ingingo ya 23: Itangwa rya raporo y'itoranywa ry'abakandida</u></p> <p>Komite imaze kubaza abakandida mu buryo bw'ikiganiro ku mwanya w'Ubukomiseri, ishyikiriza Guverinoma ibinyujije kuri Minisiteri raporo ikubiyemo ibi bikurikira:</p> <p>1° urutonde rw'imyanya yatangajwe n'umubare w'abakandida bayisabye;</p> <p>2° urutonde rugaragaza abakandida bafashwe, abatafashwe n'impamvu;</p> <p>3° amazina y'abakandida bakoreshejwe ikizamini cyakozwe ku buryo bw'ikiganiro;</p>	<p><u>Article 22: Decision-making of the Council</u></p> <p>The decisions of the Council are taken by consensus. Failure to obtain such consensus, the decisions are taken on the absolute majority of present members.</p> <p>In case the absolute majority is not reached or in case of a tie, the Chairperson or his or her representative has a casting vote.</p> <p><u>Article 23: Submission of the report of the selection of candidates</u></p> <p>After interviewing candidates to the post of Commissioner, the Committee submits to the Government through the Ministry a report comprising of the following elements:</p> <p>1° a list of posts announced and the number of applicants;</p> <p>2° a list of selected candidates, those who were not selected and the motivation as to the non-selection;</p> <p>3° names of interviewed candidates;</p>	<p><u>Article 22 : Prise de décisions du Conseil</u></p> <p>Les décisions du Conseil sont prises par consensus. À défaut du consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des membres présents.</p> <p>À défaut de la majorité absolue ou lorsqu'il y a égalité de vote, le vote du Président ou de son remplaçant est prépondérant.</p> <p><u>Article 23 : Transmission du rapport de sélection des candidats</u></p> <p>Après avoir fait passer l'interview aux candidats au poste de Commissaire, le Comité transmet au Gouvernement par l'intermédiaire du Ministère un rapport comprenant les informations suivantes:</p> <p>1° la liste des postes publiés et le nombre des candidats;</p> <p>2° la liste des candidats retenus, ceux qui n'ont pas été retenus et les motifs de refus de leurs candidatures;</p> <p>3° les noms des candidats qui ont passé l'interview;</p>
---	---	--

<p>4° amazina n'imikono y'abagize Komite bakoresheje ikizamini cyakozwe ku buryo bw'ikiganiro;</p> <p>5° inyandikomvugo y'abagize Komite ihamya ko bemeje abakandida batoranyijwe ku mwanya w'Ubukomiseri.</p> <p>Raporo ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo itangwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi itangira kubarwa ku munsu ukurikira uw'irangira ry'ikizamini cyakozwe mu buryo bw'ikiganiro.</p> <p><u>Ingingo ya 24: Insimburamubyizi ku bagize Komite</u></p> <p>Abagize Komite bagenerwa insimburamubyizi kuri buri munsu bitabiriye imirimo ya Komite mu buryo bukurikira:</p> <p>1° Perezida: ibihumbi ijana na mirongo irindwi na kimwe magana ane makumyabiri n'icyenda by'amafaranga y'u Rwanda (171.429 FRW) mbumbe;</p> <p>2° abandi bagize Komite: ibihumbi ijana na mirongo ine na bibiri</p>	<p>4° names and signatures of members of the Committee who conducted interview;</p> <p>5° minutes of the Committee members confirming that they approve the selected candidates to the post of Commissioner.</p> <p>The report mentioned in Paragraph One of this Article is submitted in a period not exceeding five (5) working days as from the day following that of the end of interview.</p> <p><u>Article 24: Sitting allowances for members of the Committee</u></p> <p>Members of the Committee are entitled to sitting allowances for each day they attend the Committee's activities as follows:</p> <p>1° the Chairperson: one hundred seventy one thousand four hundred twenty nine Rwandan francs (FRW 171,429) gross;</p> <p>2° other Committee members: one hundred forty two thousand eight</p>	<p>4° les noms et les signatures des membres du Comité qui ont conduit l'interview;</p> <p>5° le procès-verbal des membres du Comité attestant qu'ils approuvent les candidats sélectionnés au poste de Commissaire.</p> <p>Le rapport dont il est question à l'alinéa premier du présent article est transmis dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours à compter à partir du jour suivant celui de la fin de l'interview.</p> <p><u>Article 24 : Jetons de présence aux membres du Comité</u></p> <p>Les membres du Comité bénéficient des jetons de présence pour chaque jour qu'ils participent aux activités du Comité de la manière suivante:</p> <p>1° le Président: cent soixante-onze mille quatre cent vingt-neuf francs rwandais (171.429 FRW) brut;</p> <p>2° les autres membres du Comité: cent quarante-deux mille huit cent</p>
---	---	---

<p>magana inani mirongo itanu n'arindwi by'amafaranga y'u Rwanda (142.857 FRW) mbumbe, kuri buri wese.</p> <p><u>Ingingo ya 25: Amafaranga y'itumanaho ku bagize Komite</u></p> <p>Mu gihe cyo gutoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri, abagize Komite bagenerwa amafaranga y'itumanaho atangwa inshuro imwe ku buryo bukurikira:</p> <p>1° Perezida: ibihumbi mirongo itandatu by'amafaranga y'u Rwanda (60.000 FRW) atahanwa;</p> <p>2° abandi bagize Komite: ibihumbi mirongo ine by'amafaranga y'u Rwanda (40.000 FRW) atahanwa, kuri buri wese.</p>	<p>hundred fifty seven Rwandan francs (FRW 142,857) gross, for each.</p> <p><u>Article 25: Communication allowance for Committee members</u></p> <p>During the selection of candidates to the post of Commissioner, the Committee members are entitled once to a communication allowance as follows:</p> <p>1° Chairperson: sixty thousand Rwandan francs (FRW 60,000) net;</p> <p>2° other Committee members: forty thousand Rwandan francs (FRW 40,000) net, for each.</p>	<p>cinquante-sept francs rwandais (142.857 FRW) brut, pour chacun.</p> <p><u>Article 25 : Frais de communication pour les membres du Comité</u></p> <p>Pendant la sélection des candidats au poste de Commissaire, les membres du Comité bénéficient une fois des frais de communication comme suit:</p> <p>1° le Président: soixante mille francs rwandais (60.000 FRW) net;</p> <p>2° les autres membres du Comité: quarante mille francs rwandais (40.000 FRW) net, pour chacun.</p>
<p><u>Ingingo ya 26: Koroherezwa urugendo</u></p> <p>Perezida cyangwa ugize Komite bagenerwa indamunite zigendanye n'ibirometero hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite ubwikorezi mu nshingano nk'uko bisanzwe bikorwa ku bakozi ba Leta bo ku rwego rwa E kuri Perezida na F ku bagize Komite.</p>	<p><u>Article 26: Transport facilitation</u></p> <p>The Chairperson or a Committee member is entitled to a mileage allowance in accordance with Instructions of the Minister in charge of transport, in the same manner as for public servants on E and F job classification levels for Chairperson and Committee members respectively.</p>	<p><u>Article 26 : Facilitation au transport</u></p> <p>Le Président ou un membre du Comité reçoit des indemnités kilométriques de transport conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions égales à celles des agents de l'État aux niveaux d'emploi E et F respectivement pour le Président et les membres du Comité.</p>

<p>Indamunite zibarirwa ku birometero zibarwa hashingiwe ku rugendo ruri hagati y’aho ugize Komite atuye n’aho imirimo ya Komite yabereye.</p> <p><u>Ingingo ya 27: Ubwishingizi ku ndwara no ku byago bikomoka ku kazi</u></p> <p>Komisiyo ifatira ugize Komite ubwishingizi ku ndwara iyo adasanzwe abufite.</p> <p>Iyo ugize Komite atari umukozi wa Leta, Komisiyo imufatira ubwishingizi ku byago bishobora gukomoka ku kazi akora imirimo ya Komite.</p> <p>Ubwishingizi buvugwa muri iyi ngingo bumara igihe kingana na manda y’ugize Komite bireba.</p>	<p>The mileage allowance is calculated on the basis of the distance between the residence of a Committee member and the place of the Committee’s activities.</p> <p><u>Article 27: Medical and occupational hazards insurance</u></p> <p>The Commission subscribes a Committee member to a medical insurance if he or she is not subscribed to any.</p> <p>When a Committee member is not a public servant, the Commission subscribes the member to occupational hazards insurance related to Committee activities.</p> <p>The insurance referred to in this Article covers the period of the term of office for the concerned Committee member.</p>	<p>Les indemnités kilométriques sont calculées sur base de la distance entre la résidence d’un membre du Comité et le lieu des activités du Comité.</p> <p><u>Article 27: Assurance maladie et celle contre les risques professionnels</u></p> <p>La Commission souscrit une assurance maladie pour un membre du Comité qui ne l’a pas.</p> <p>Lorsqu’un membre du Comité n’est pas un agent de l’État, la Commission souscrit pour lui une assurance contre les risques professionnels liés aux activités du Comité.</p> <p>L’assurance visée dans le présent article est prise pour la période équivalente au mandat d’un membre du Comité concerné.</p>
<p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 28: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></p> <p>Minisitiri w’Intebe, Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta na Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p>	<p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 28: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></p> <p>The Prime Minister, the Minister of Justice and Attorney General and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p>	<p><u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 28 : Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</u></p> <p>Le Premier Ministre, le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux, le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l’exécution du présent arrêté.</p>

<p><u>Ingingo ya 29:</u> Ivanwaho ry’iteka n’ingingo zinyuranyije n’iri teka</p> <p>Iteka rya Perezida n° 72/01 ryo ku wa 12/03/2014 rishyiraho Komite itoranya abakandida ku mwanya w’Ubukomiseri muri Komisiyo y’Igihugu y’Uburenganzira bwa Muntu kandi rikanagena inshingano, imiterere n’imikorere byayo, n’ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 30:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 29:</u> Repealing provision</p> <p>Presidential Order n° 72/01 of 12/03/2014 establishing the candidate selection Committee to the post of Commissioner of the National Commission for Human Rights and determining its mission, organisation and functioning, and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 30:</u> Commencement</p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 29 :</u> Disposition abrogatoire</p> <p>L’Arrêté Présidentiel n° 72/01 du 12/03/2014 portant création du Comité de sélection des candidats Commissaires à la Commission Nationale des Droits de la Personne et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><u>Article 30 :</u> Entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	---

Kigali, 28/12/2021

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux